136 S. Ludlow St., Dayton OH 45402
TEL # (937) 542-3164 ● FAGISI # (937) 542-3188
ejlolli@daytonpublic.com

Ku wa 7 Ukwakira 2021

Impamvu: Igipimp cy'Imitsindire muri Leta ya Ohio

Ku miryango irerera muri Dayton Public Schools no ku bagize umuryango mugari wa Dayton:

Nk'imwe mu ngaruka z'icyorezo n'imyigire itaragenze neza, amafasi yose yo muri leta yitezweho kuzagira amanota yo hasi no gusubira inyuma ku Gipimo cy'Imitsindire muri Leta ya Ohio ugereranyije n'umwaka wa 2019. Twiteze ko Ifasi y'amashuri ya Dayton Public Schools izita kuri iki kibazo igahangana n'ibyuho mu masomo ndetse n'imitsindire yo hasi, kimwe n'uko andi mafasi mu gihugu hose ari kubyitwaramo.

Nubwo bigaragara ko habayeho gusubira nyuma cyane ugereranyije n'iminsidire ishimishije yo muri 2019, ibi ntibitunguranye. Kwiga hifashishijwe uburyo bw'iyakure byagize ingaruka ku mitsindire y'umunyeshuri. Ku bw'ibi, ifasi yamaze gufata ingamba zo guhangana n'ibyuho biriho. Ifasi irimo gukorana umwete kugira ngo izamure urwego rw'imitsindire no kwitabira by'umunyeshuri yifashishije uburyo bwo kwitegura guhangana n'ibyuho mu masomo.

Ibyashyizwemo imbaraga, biri ku rutonde rukurikira, byatangiye mu mpeshyi hibandwa mu guhugura abakozi, abarimu, kwitegura kujya muri koleji cyangwa mu ishuri rikuru n'umwuga, n'ubuzima bwo mu mutwe bw'umunyeshuri.

Abarimu no kwitegura kujya muri koleji cyangwa mu ishuri rikuru n'umwuga

- Kampu zo mu mpeshyi muri DPS zakozwe muri Nyakanga zifasha abanyeshuri gushyira mu bikorwa no kugira umwete mu myigire ijyanye n'amasomo y'ingenzi kugira ngo bongere basubire ku murongo. Abanyeshuri kandi bagize ibikorwa byo kubazamurira ubumenyi bya buri munsi n'imyigire y'ibyo bahura na byo mu buzima bwa buri munsi. Abanyeshuri biga mu mshuri yisumbuye batoranyije ibyo bakunda maze bamara igihe muri kampu biga ibijyanye n'Ubugeni n'Ubushishozi, STEM n'imyigire ishingiye ku mishinga cyangwa kwihangira imirimo.
- Uburyo bwo kwigisha bw'inyabubiri bwarakoreshejwe kuva mu mwaka wa 1 kugeza mu wa 3, n'aho inzobere mu mibare zo ziri kwigisha kuva mu mwaka wa 4 kugeza mu 6. Izi mpinduka zituma hababo igabanyuka ry'umubare w'abanyeshuri mu ishuri, bityo bigafasha abarimu gutahura ivuba ibyuho bigatuma bafasha buri munyeshuri ukwe mu

gihe bikenewe. Abarimu bigisha mu ishuri rimwe bahura buri byumweru bibiri mu mahugurwa akomeje.

- Ishuri ryo gusoma ku biga kuva mu mwaka wa 7 kugeza mu wa 12 ryashyizweho muri uyu mwaka. Aya mashuri yashyiriweho gufasha abanyeshuri kongera ubumenyi bwabo mu gusoma no gukomeza kuzamura urwego bariho mu gusoma.
- Gahunda nshya y'amasomo y'Imibare ya buri munsi ku biga mu mwaka wa 1 kugeza mu 3 yashyizweho kugira ngo afashe abanyeshuri kuzamura ubumenyi mu mibare no kubafasha kuba abanyamibare no mu bitekerezo byabo. Dr. Nicki Newton, umuhanga uzwi cane ukorana n'amafasi mu gihugu cyose, abonana n'abarimu bayobora izi gahunda z'amasomo kabiri mu kwezi mu rwego rw'iterambere rya kinyamwuga.
- Uwunganira mwarimu mu masomo arimo gukora mu mashuri abiri y'inshuke muri buri nyubako kugira ngo ahe abanyeshuri ubufasha bw'inyongera mu masomo.
- Kampu itegura TorchPrep ACT imara iminsi ibiri izakorwa muri uku kwezi ku banyeshuri biga mu mashuri yisumbuye bitegura gukora ibizamini bya ACT. Kampu imeze neza kandi hari urutonde rw'abanyeshuri bifuza kuyijyamo. Hazatangwa amahirwe menshi kugira ngo abanyeshuri bose bitegure uko bikenewe.
- Umubare w'ibyo guhitamo wariyongereye ku kigo cy'ikoranabuhanga cya Meadowdale Career Technology Center. Mu bigo by'ikoranabuhanga (CTC) bibiri, amahitamo ku banyeshuri yikubuye hafi kabiri. Gahunda z'ikoranabuhanga za Career Tech zemerera abanyeshuri kwiga bashyira mu bikorwa ibyo mu buzima busanwe mu mwuga runaka bari mu mashuri yisumbuye. Abanyeshuri basoza biteguye gutangira akazi cyangwa gukomeza amasomo yabo muri za koleji.

Ubufasha bwerekeye ubuzima bwo mu mutwe ku banyeshuri:

- Abahuzabikorwa basanzwe bafasha abanyeshuri (SRC) bo mu bitaro bya Dayton Children's Hospital bari kuri buri nyubako. Abahuzabikorwa bahuza abanyeshuri bakeneye ubujyanama bwisumbuye na serivisi bakeneye, kandi bagukirikirana niba umunyeshuri arimo kugenda akira.
- Abaganga b'abanyeshuri mu bijyanye n'imyitwarire bo mu bitaro bya Dayton Children's Hospital ni bashya muri uyu mwaka kandi bagendagenda mu nyubako kugira ngo batange serivisi z'ubujyanama z'igihe gito ku banyeshuri. Aba bajyanama bahangana n'ibibazo bishobora gukemuka mu gihe kiri hagati y'ibyumweru 8 na 10.

Amahugurwa n'Iterambere bya mwarimu:

- Muri Nzeri, inyubako zose zari zifunze ku bw'umunsi w'inyongera wahariwe iterambere mu bya kinyamwuga. Aya mahugurwa ku barimu abafasha kuzamura uburyo bw'imyigishirize bwagaragajwe nk'uburyo bwiza muri DPS. Ubu ni na bwo buryo bushingiye ku bushakashatsi bwafashije ifasi kuzamura igipimo cy'imitsindire muri 2019.
- Abagize itsinda rishinzwe imiyoborere y'Inyubako [Building Leadership Team (BLT) Cohorts] bari mu nama zitandukanye n'izo basanzwe bakora kugira ngo bungurane ibitekerezo ku buryo ibigo by'amashuri byagera ku ntego zashizweho n'inyubako ndetse n'ifasi.
- Inama z'abagize itsinda ry'imiyoborere y'ifasi [District Leadership Team (DLT)] ziri kuba buri kwezi zikitabirwa kandi n'abahagarariye buri tsinda rishinzwe imiyoborere

y’inyubako BLT kugira ngo hasuzumwe amakuru y’ubwitabire, imyitwarire n’abarimu mu ifasi yose. Maze itsinda rikungurana ibitekerezo ku buryo ifasi yafasha inyubako kugera kuri izi ntego zashyizwe muri ibi bice. Uyu mwaka, itsinda ryateguye uburyo bwo kwita ku makuru no gusubiramo ibice byose uko ari bitatu icyarimwe muri buri nama aho kwibanda ku gice kimwe.

- Itsinda ry’Abigisha Imibare mu Mashuri abanza (1-3) rihuza abarimu bo mu ifasi kugira ngo bakorane mu gutegura amasomo y’Imibare atanga ubumenyi bw’ibanze mu mibare n’uburyo bwo gukemura ibibazo binyuze mu gusoma no kwandika.
- Itsinda ry’Abigisha Imibare mu mashuri yisumbuye rikorana na Dr. Kirk Kirkwood, inzobere izwi cyane ikorana n’amafasi mu gihugu cyose. Iri tsinda rihuza abarimu bo mu ifasi yose kugira ngo bakureho inzitizi kandi hizerwe neza ko Imibare yigishwa mu buryo bunoze.
- Itsinda ry’Abigisha Gusoma no Kwandika (Balanced Literacy Cohort) rihuza abarimu bo mu ifasi bose kugira ngo bige gusoma no kwandika n’uburyo aya masomo yakwigishwa neza. Binyuze kandi muri kaminuza ya Miami University, Itsinda ryita ku gusoma rya Reading Endorsement Cohort rihugura abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye mu gushyira mu bikorwa myigishirize yo gusoma igamijwe.
- Buri bayobozi bakuru n’abayobozi bakuru bungirije bagize inama mu mpeshyi yibanze ku bushishozi no kuzamura i itsindire y’umunyeshuri muri uyu mwaka w’amashuri.
- Abashinzwe Inyubako z’ibigo by’amashuri na bo bagize inama mu mpeshyi, zibanze ku gukorera hamwe, ibyerekezi n’intego kuri buri kigo cy’amashuri, ubufasha bujyanye n’amarangamutima ku banyeshuri, uburyo bwihariye ku banyeshuri babo, n’ibindi.
- World of Wonder yafunguwe nk’ikigo giha abakozi amahugurwa agamije iterambere rya kinyamwuga mu gihe kizaza. Icyitwa ubu DPS Residence Park Staff Development Center, inyubako izatanga ahantu hatangirwa amahugurwa agamije iterambere rya kinyamwuga ku bakozi.

Tubifashijwemo n’izi mpinduka zamaze gukorwa kugeza ubu, twizeye neza ko tuzahangana n’ibyuho biri mu masomo byatewe n’umwaka w’amashuri wagenze nabi cyane. Ndetse twizeye ko igipimo cy’imitsindire cya 2022 kizagenda neza dushingiye ku mikorere myiza iri mu mashuri kugeza ubu.

Tubashimiye ubufasha bwanyu mukomeje gutanga. Tuzakomeza gukora uko dushoboye kose kugira ngo duhangane n’igihombo mu masomo twagize mu mezi 18 ashize, ndetse no gushyira abanyeshuri ku murongo kugira ngo batsinde mu masomo no mu buzima busanzwe.

Mugire ibihe byiza!

Elizabeth J. Lolli

Elizabeth J. Lolli, Ph.D.
Umuyobozi w’Urwunge rw’Ibigo by’Amashur

Elizabeth J. Lolli, Ph.D.
Umuyobozi w’Urwunge rw’Ibigo by’Amashuri

(Kinyarwanda)